Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

April 2020 *Kinyarwanda*

Ahereza imigati abigishwa be, na bo bayiha rubanda.

(Mt 14,19)

Twese hamwe – Ni iki cyabiruta?!
Together – what could be better?

Nshuti bakunzi b‘ijambo,

Umunsi umwe twatumiye ku meza abantu batagira aho baba, bibera ku muhanda. Nari nicaye hasi iruhande rw’umwe muri bo, umusore ukiri muto. Buhoro buhoro twatangiye kuganira. „Sinari mperutse guhura n’umuntu untega amatwi akumva icyo mvuga!“ uko ni ko Peter yambwiye. Yari yarigeze gukora ahantu mu ruganda, ari umuyobozi. Muri icyo gihe yatandukanye n’umugore we, abura ikintu icyo ari cyo cyose cyamuha gukomera, abura amajyo. Kuva icyo gihe yibera ku muhanda. „Ni ibihe bihe byiza kurusha ibindi wavuga ko ugira muri ubu buzima urimo none?“ ndamubaza. „Konseri n‘umuziki!“ ahita ansubiza atazuyaje. Ahera ko ambwira ko yacurangaga gitari. Ni uko mubaza niba yakemera kuducurangira ho gakeya. Ni uko yegera indangururamajwi aseta ibirenge, afata gitari atangira gucuranga no kuririmba. Atangira aririmba mu ijwi rituje, hanyuma buhoro buhoro araranguruta cyane. Byari ibihe bidasanzwe…

Igihe twasezeranaga ho, ihuriro ryacu rihumuje, Peter arampobera arankomeza ni uko arambwira: „Sinzibagirwa uyu munsi!“ Amarira yamuzengaga mu maso.

Ntimugire n’umwe muheza hanze, ahubwo mutumire bose. Iri ni ryo ryari ibanga rya Yezu! Yezu yihatiye mbere na mbere kudaheza abaciye bugufi. Yabitayeho ndetse abatumirira gusangira. Ibi byababereye ishuri. Iteka habaga „igitangaza mu gusangira“, abari aho bose bagahaga. Muri ubwo buryo, Yezu yahaye inshuti ze kugira uruhare ku butumwa bwamuzanye. Bahigiye gusangira ndetse no gusangiza abandi ibyo na bo bahawe.

Mu by’ubukuri, ubuzima nyabwo bunoze ni ubusangiwe n’abandi, iyo buri wese agize uruhare kandi agasangira n‘abandi. Ubwitange bubyara umutumirano, Gusangira bigasarurwaho amahoro. Ni uko rero: **Twese hamwe – Ni iki cyabiruta!? Together – what could be better!?**

Ku bw’itsinda go4peace Meinolf Wacker